

**UBUTUMWA BUGENEWE ABAKRISTU KU  
MUNSI MUKURU W'ABALAYIKI**

**Tariki ya 10 Kamera 2018  
NIMUBE UMWE NK'UKO JYE NA DATA TURI UMWE (Yh 17,21)**



**UMUNSI MUKURU WA KAROLI LWANGA NA BAGENZI BE  
Amasomo : (2Mak 7,1-2.9-14; Rm 8,31b-39 ; Yh 12,24-26)**

## Intangiriro

Bakristu bavandimwe, uyu munsi mukuru w'abalayiki ubaye mu gihe muri Kiliziya y'u Rwanda, turi mu mwaka wihariye wo kuzirikana ku bwiyunge bw'abanyarwanda. Uyu munsi w'abalayiki kandi uhuriranye n'umunsi mukuru w'Abahowe Imana b'i Buganda. Turazirikana ukuntu bunze ubumwe na Kristu ku buryo bukomeye maze bikabatera ubutwari, kugeza n'ubwo bemera gupfa aho kumwihakana. Karoli Lwanga na bagenzi be, n'ubwo bari bakiri abakristu bashya bari bunze ubumwe n'Imana ku buryo buhamye, kandi bunze ubumwe hagati yabo ubwabo, bagaterana ubutwari, bagashyigikirana, ntihagira utatira ukwemera kwe. Ubuhamya bwabo butubere urugero natwe.

Ni nabyo twumvise mu isomo rya mbere, aho batubwiye ukuntu ukwemera gukomeye k'umubyeyi kwatumye atoza abana be kumvira Imana kuruta byose, bigeza n'aho bemera guhara ubuzima bwabo, aho gukora ibinyuranye n'ukwemera kwabo. Mu rwandiko Abepiskopi bacu batwandikiye muri uyu mwaka w'ubwiyunge, baradushishikariza kwiyunga n'Imana, kwiyunga natwe ubwacu, kwiyunga n'abandi, ndetse no kwiyunga n'ibidukikije.

### 1. Kwiyunga n'Imana

Kwiyunga n'Imana niryo shingiro ry'ubwiyunge nyabwo. Icyaha ni cyo nyirabayazana mu macakubiri tubamo, yatumye mu Rwanda habamo akarengane gashingiye ku ivangura, ihezwa, ikandamizwa, ubwicanyi, intambara, ubuhunzi n'ubugome bukabije bigera no kuri jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994. Ariko tuzi ko ubwo muntu yari amaze gucumura, Imana itamutereranye; ahubwo yatwoherereza Umwana wayo, kugira ngo adusubize agaciro twiyambuye ducumura. Imana yakunze isi cyane bigeza aho itanga Umwana wayo w'ikinege (Yh 3,16).

Uwo Mwana w'Imana yaduhurije mu muryango umwe, aca urwango rwadutandukanya, n'ubu rudutandukanya n'abavandimwe. Turasabwa rero natwe, kugarukira Imana tukiyunga na Yo nk'uko Pawulo Mutagatifu abidushishikariza muri aya magambo : «*Uko biri kose Imana ni Yo yiyunze n'abantu bose muri Kristu, ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo, natwe idushinga ubutumwa bwo kubunga na Yo* ».

Mu rwandiko rw'Abepiskopi baragira bati : Ubwiyunge ni inzira ndende isaba igihe, ubushishozi n'ibusabaniramana. Turifuza ko intambwe ishimishiye y'ubwiyunge tumaze gutera twayikomeza : twiyunga n'Imana, twiyunga na twe ubwacu, tukiyunga n'abavandimwe bacu ndetse n'ibidukikije nk'uko Papa Fransisco yabidusabye<sup>1</sup>.

### 2. Kwiyunga natwe ubwacu

Umutima w'umuntu ubamo ibitekerezo bivuguruzanya. Umuntu wese akunda amahoro ariko hakaba n'ubwo ayibuza. Ibibuza abantu amahoro ni byinshi kandi bimwe muri byo bituruka mu mutima wabo. Mu Ivanjiri, Yezu abivuga muri aya magambo : «*Kuko mu mutima w'abantu ari ho haturuka imigambi mibi : ubusambo, ubujura, ubwicanyi, ubuhabara, umururumba, ubugome, uburyarya, ingeso mbi, ishyari, gutukana, uwirasi, n'amafuti. Ibyo bintu byose bibi biva mu mutima ni byo bihumanya umuntu* » (Mk 7,22-23).

<sup>1</sup> Reba Kristu ni We bumwe bwacu n° 2.

N'ubwo bimeze bityo, akenshi muntu ntabyemera ahubwo ahora atunga abandi agatoki. Akabona akatsi kari mu jisho rya mugenzi we yirengangije umugogo uri murye (Mt 7,3-5). Nyamara iyo umuntu yemeye intege nke ze, akiyakira ariko ntaheranwe nazo, agafata ingamba, agasaba Yezu kumufata akaboko, atera intambwe agana imbere, agatsinda ibishuko n'abashukanyi akagana inzira y'ubutungane.

Ni nabyo Abepiskopi bacu batubwira bagira bati : « Kwiyunga nawe ubwawe, ni ukwakira imibabaro wagize, ibikomere wagize, ukabitura Kristu, We uguhamagarira kumutura byose igihe agira ati : « *Nimungane mwese abarushye n'abaremerewe, nzabaruhura* » (Mt 11,28). Kandi koko nk'uko Pawulo Mutagatifu abitubwira mu isomo rya kabiri, nta cyari gikwiye kudutandukanya n'urukundo rwa Kristu, We watwitangiye kugira ngo tugire amahoro, atwunge n'Imana bityo atwunge natwe ubwacu<sup>2</sup>.

### 3. Kwiyunga n'abandi

Kunanirwa kwiyunga nawe ubwawe bikubuza amahoro, na mugenzi wawe bikayamuba. Iyo utiyunze n'uwo mufitanye ikibazo, nabyo birushaho kuyakubuza. Bityo muri uyu mwaka wahariwe ubwiyunge, buri muntu akwiye kureba niba hari aho yahemutse, aho ahemuka cyangwa yahemukiwe, agatera intambwe yo gusaba cyangwa gutanga imbabazi. Ibi kandi ntawe bitareba: haba mu rugo, mu bashakanye, mu miryango y'abihayimana, mu bo dukorana, mu miryangoremezo no mu baturanyi.

Bakristu, bavandimwe, mu isakramentu ry'Ukaristiya, duhabwa Yezu We Rukundo Ruzima. Ese tumwakira mu mutima umeze ute? Pawulo Mutagatifu aragira ati: “*Ni cyo gituma uzarya uyu mugati, akanywa no kuri iyi nkongoro ya Nyagasan, atabikwiye, azaba acumuriye umubiri n'amaraso bya Nyagasan. Buri wese nabanze yisuzume rero, maze abone kurya uwo mugati no kunywa kuri iyo nkongoro; kuko uwarya cyangwa akanywa atubahirije umubiri wa Nyagasan, aba ariye kandi anyoye ikizamubyarira ubucibwe*

Yezu nawe abivuga muri aya magambo’ ati: “*Nujyana ituro ryawe imbere y'urutambiro, ukahibukira ko hari umuvandimwe mufitanye akantu, rekera ituro ryawe imbere y'urutambiro, ubanze ujye kwigorora n'uwo muva inda imwe, hanyuma ugaruke ubone guhereza ituro ryawe. Jya ugira ubwira bwo kwiyunga n'uwo mwangana igihe mukiri kumwe mu nzira....*” (Mt 5,23-25).

Mu Ivanjiri twumvise uyu munsi, Yezu yadusabye kumukurikira no kumukurikiza, We wemeye gupfira abanyabyaha ku musaraba, amaze kubarira abishi be. Insanganyamatsiko y'uyu munsi w'abalayiki, iragira iti:

“ Nimube umwe nk'uko Jye na Data turi umwe (Yh 17,21). Inzitizi zose zisenya ubumwe bwacu, dufate ingamba zo kuzikumira no kuzirandura.

Ibaruwa Abepiskopi Gatolika bandikiye abakristu mu mwaka wihariye w'ubwiyunge baragira bati: “Mu mateka y'abantu muri rusange n'ayacu nk'abanyarwanda by'umwihariko, mu

---

<sup>2</sup> Kristu ni We bumwe bwacu n° 12.

kinyejana cya makumyabiri, usanga hari igihe kinini hagaragayemo urukundo ruke n'akarengane gakabije katugejeje ku mahano yo mu mwaka w'1994.

Koko rero, Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda, yabaye umunzani wapimye ikigero cy'ubumuntu n'icy'ubukristu buke mu banyarwanda. Hari benshi bijanditse muri icyo cyaha ndengakamere, hari n'abareberaga ntibagire icyo bakora ngo barwanye ako karengane. Ubuzima bw'umuntu bwateshejwe agaciro bigera n'aho kwica umuntu bihabwa intebec<sup>3</sup>.

Uyu mwaka usanze hari byinshi byakozwe mu rwego rwa Kiliziya no ku rwego rw'ighugu, ku buryo bikwiye gushimwa. Bityo rero, na buri mukristu akaba asabwa kugira uruhare nyarwo, mu kubaka ubwiyunge kugira ngo umuryango nyarwanda uce ukubiri n'ibiwusenya byose.

#### 4. Kwiyunga n'ibidukikije

Mbere yo kurema muntu, Imana yabanje kumureméra ibimukikije, izuba, ukwezi n'inyenyeri, amazi n'ubutaka, inyamaswa, ibimera, imutegurira isi nziza azabamo, imuha ubutumwa bwo kubigenga (reba Intg 1,1-28). Icyaha cya Adamu na Eva nicyo cyatumye isi iba mbi, umubano w'umuntu n'ibindi biremwa bizamo igitotsi (reba Intg 3,1-19). Nk'uko mubizi, mu ntambara zabaye no mu gihe cya jenoside yakorewe abatutsi, abantu bigabije abandi barabica, barabahohotera, inzu zirasenywa, izindi ziratwikwa, amatungo aricwa, inzusi n'ibihuru byuzura imirambo, ubutaka bunywa amaraso y'abantu, ibikoresho by'imirimo isanzwebihinduka ibikoresho byo kwica. Ubwiyunge rero ni ukugarura ubumwe mu bantu no mu biremwa by'Imana byose<sup>4</sup>.

Abepiskopi bacu baradushishikariza kwiyunga n'ibidukikije, dufata neza ibyo tumaze kugeraho, ari inyubako, ari ibimera nk'amashyamba, ari amazi, imihanda, n'ibindi..; kuko ari byo bituma tumererwa neza, tukabana neza mu bumwe no mu mahoro arambye.

#### 5. Umwanzuro

Bakristu bavandimwe, Yezu ajya gusoza ubutumwa yahawe na Se kuri iyi si, yaturaze ubumwe agira, ati: “*Nk'uko Wowe Dawe uri muri Jye nanjye nkaba muri Wowe, ndasaba ko na bo bunga ubumwe muri twe, kugira ngo isi yemere ko ari Wowe wantumye*”(Yh 17,21). Uwo murage ntituzawiteshe, tuwuharanire, kuko turi abana b'umubyeyi umwe. Twiyemeze kuwukomeraho mu buzima bwacu no mu bikorwa byacu, kuko ubumwe bwacu ari nazo mbaraga zacu.

Tubaragije Umubyeyi Bikira Mariya, Umwamikazi wa Kibeho; adufashe guharanira ubumwe n'ubwiyunge ari nabyo bizatubyarira ubuvandimwe nyabwo.

Imana ibahe mwese umugisha.

+ *Mgr Serviliyani NZAKAMWITA*  
*Umwepiskopi wa Byumba akaba na*  
*Perezida wa Komisiyo y'Abepiskopi ishinzwe ubutumwa bw'abalayiki*

---

<sup>3</sup> Kristu ni We bumwe bwacu n° 3.

<sup>4</sup> Kristu ni We bumwe bwacu no 20.